**REPUBLIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

***<u>IFISHI IGENDANA N'INYANDIKOMVUGO</u>***

**INYANDIKOMVUGO N° 06/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KU WA 22 UKWAKIRA 2024 (09H00)**

**LISITI Y'ABAFASHE IJAMBO**

1. Senateri NYIRAHABIMANA Soline, Visi Perezida wa Sena
2. Senateri BIDERI John Bonds
3. Senateri MUGISHA Alexis
4. Senateri UWERA Pélagie

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

**INYANDIKOMVUGO N° 06/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KU WA 22 UKWAKIRA 2024 (09H00)**

**YEREKEYE**:

- **Gutora Abasenateri bahagarariye Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko Nyafurika (PAP).**

Inama y'Inteko Rusange yatangiye i saa tatu iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier.

**Hari Abasenateri bakurikira:**

1. Senateri BIDERI John Bonds
2. Senateri CYITATIRE Sosthène
3. Senateri DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre
4. Senateri GAHAMANYI Bibiane Mbaye
5. Senateri HAVUGIMANA Emmanuel
6. Senateri KAITESI Usta
7. Senateri KANZIZA Epiphanie
8. Senateri MUGISHA Alexis
9. Senateri MUKABARAMBA Alvera, Visi Perezida wa Sena
10. Senateri MUKAKARANGWA Clotilde
11. Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija
12. Senateri MURESHYANKWANO Marie Rose
13. Senateri NGARAMBE Telesphore
14. Senateri NIYOMUGABO Cyprien
15. Senateri NSENGIYUMVA Fulgence
16. Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia
17. Senateri NYIRAHABIMANA Soline, Visi Perezida wa Sena
18. Senateri NYIRASAFARI Espérance
19. Senateri RUGIRA Amandin
20. Senateri TWAHIRWA André
21. Senateri UMUHIRE Adrie
22. Senateri UWERA Pélagie
23. Senateri UWIMBABAZI Penine
24. Senateri UWIZEYIMANA Evode

**Umusenateri utaritabiriye Inteko Rusange afite impamvu:**

1. Senateri MUKABALISA Donatille

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, mwaramutse!
Ndagira ngo mbere yo gutangira mbashimire ko mwitabiriye inama y'Inteko Rusange y'uyu munsi ku wa 22 Ukwakira 2024.

Ubu turi Abasenateri 23, bityo tukaba dukwije umubare wa ngombwa kugira ngo Inteko Rusange ibashe guterana mu buryo bukurikije amategeko.

Ba Nyakubahwa nkuko amategeko abiteganya, ndabasaba ko tubanza kwemeza ko inama y'Inteko Rusange iterana ku isaha itari iya saa cyenda. Icyemezo kirafatwa binyuze mu itora ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari. Ndabibutsa ko ubu turi Abasenateri 23. Nagira ngo nsabe tubitorere.

Abasenateri 23 bemeje ko inama y'Inteko Rusange iterana i saa tatu za mu gitondo. Ntawabyanze, ntawifashe, nta mfabusa yabonetse.

Ba Nyakubahwa kuri gahunda y'uyu munsi hateganyijwe ingingo imwe yerekeye gutora Abasenateri bahagarariye Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko Nyafurika (Pan-African Parliament) mu magambo ahinnye mu cyongereza ni PAP.

Nk'uko amasezerano ashyiraho PAP abiteganya mu ngingo yayo ya kane, buri Gihugu gihagararirwa n'abagize Inteko Ishinga Amategeko batanu harimo nibura umugore umwe.

Nk'uko nanone biteganywa n'ayo masezerano mu ngingo yayo ya 5, manda y'ugize PAP ireshya na manda ye mu Nteko Ishinga Amategeko y'Igihugu ahagarariye.

Ku Gihugu cyacu, Umutwe w'Abadepite utanga Abadepite batatu (3), Sena igatanga Abasenateri babiri (2).

Hakurikijwe rero ibimaze kuvugwa abari bahagarariye Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda muri PAP manda yabo muri PAP yarangiranye na manda ya buri Mutwe babarizwagamo.

Mu rwego rero rwo kugira ngo Inteko Ishinga Amategeko ihagararirwe muri PAP, ku ruhande rwa Sena, Biro ya Sena yateguye itora ryo gushyiraho Abasenateri babiri nk'uko mwabimenyeshejwe mu ibaruwa yo ku wa 15 Ukwakira 2024 ibatumira mu nama z'Inteko Rusange ziteganyijwe kuva kuri 22 Ukwakira kugera kuri 30 Ukwakira 2024.

Ni muri urwo rwego nanone ba Nyakubahwa mwagejejweho ibaruwa yo ku itariki 19 Ukwakira 2024 ibamenyesha ko abifuza kwiyamamariza kuba mu itsinda ry'intumwa zihagarariye Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda muri PAP babimenyesha Biro ya Sena kugira ngo na yo ibimenyeshe Inteko Rusange.

Kugeza ubu rero Biro ikaba yaragejejweho “candidatures” eshatu. Iya Senateri BIDERI John Bonds, iya Senateri MUGISHA Alexis n’iya Senateri UWERA Pélagie nk’uko mwabigejejweho.

Ni muri urwo rwego uyu munsi, tugiye gutora Abasenateri babiri bazahagararira Inteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda muri PAP.

Ba Nyakubahwa nk’uko biteganywa n’amateko, amatora agira uyahagararira, mbere na mbere amatora agira uyayobora akagira n’Abasenateri bamufasha. Uyobora aya matora ni Visi Perezida ushinzwe gukurikirana ibijyanye n’amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ari we Senateri NYIRAHABIMANA Soline.

Hakurikijwe uko inyuguti zitangira amazina y’Abasenateri zikurikirana, Abasenateri babiri baza kumufasha muri iki gikorwa cy’amatora ni Senateri HAVUGIMANA Emmanuel na Senateri KAITESI Usta.

Ba Nyakubahwa rero muri aka kanya nkaba nagira ngo mpe ijambo Nyakubahwa Visi Perezida kugira ngo atangire imirimo yo kuyobora amatora. Nyakubahwa Visi Perezida ijambo ni iryanyu.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Soline**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena, kuri uyu mwanya mumpaye kugira ngo nshobore kuyobora amatora y’Abasenateri bazahagararira u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko Nyafurika (Pan-african Parliament) cyangwa PAP mu magambo ahinnye.

Nishimiye kandi ko ngiye gufatanya muri iki gikorwa n’Abasenateri bagenzi banjye mumaze gutangaza ari bo Senateri HAVUGIMANA Emmanuel na Senateri KAITESI Usta ndetse n’Umunyamabanga Mukuru wa Sena Dr. UMULISA Yvonne.

Nyakubahwa Perezida wa Sena, Nyakubahwa Visi Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, aya matora arakorwa hakurikijwe ibiteganywa n’Itegeko Ngenga rigenga imikorere ya Sena n’amabwiriza ya Biro ya Sena agenga amatora yo ku wa 22 Ukwakira 2024 y’Abasenateri bazahagararira Inteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda muri PAP.

Ndibutsa ko aya mabwiriza yateguwe hashingiwe ku itegeko ngenga rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 65.

Ba Nyakubahwa mbere yuko dutangira aya matora munyemerere nongere nibutse bimwe mu bikubiye muri aya mabwiriza bikurikira:

- imyanya itorerwa: imyanya itorerwa ni ibiri y’Abasenateri bazahagararira Inteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda muri PAP.
- abemerewe gutora: abemerewe gutora ni Abasenateri bitabiriye iyi nama y’Inteko Rusange igiye kuberamo amatora.
- abemerewe gutorwa: abemerewe gutorwa ni Abasenateri batanze “candidatures” zabo nk’uko biteganywa mu ngingo ya 3 y’amabwiriza. Bagomba kuba bitabiriye Inteko Rusange igiye kuberamo amatora.

- ibijyanye no kwiyamamaza ku mwanya utorwa: buri mukandida arahabwa umwanya w’iminota itatu yo kwiyamamaza.
- uburyo amatora akorwa: amatora arakorwa mu ibanga. Umunyamabanga Mukuru wa Sena araha urupapuro rw’itora ruriho “cachet” ya Sena n’umukono w’uyoboye Inteko Rusange.
- abakandida bose batorerwa ku rupapuro rw’itora rumwe.
- buri Musenateri arandika amazina yombi y’Umusenateri atoye ku rupapuro rw’itora rwabigenewe kandi haratorwa Abasenateri babiri gusa.
- Umusenateri umaze gutora arazinga urupapuro rwe arushyire mu giseke.

Muri uyu mwanya ndagira ngo nsabe ba Basenateri dufatanya kuyobora aya matora kuza mu mwanya wabugenewe kugira ngo dutangire igikorwa cy’amatora.

Ba Nyakubahwa turatora Abasenateri babiri bahagararira Inteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda muri PAP, nk’uko mwabimenyeshejwe na Nyakubahwa Perezida wa Sena dufite Abasenateri batatu batanze “candidature”.

Hari Senateri BIDERI John Bonds, Senateri MUGISHA Alexis na Senateri UWERA Pélagie.

Ba Nyakubahwa tugiye guha abakandida umwanya wo kwiyamamaza buri wese turamuha iminota itatu. Turabaha ijambo hakurikijwe uko inyuguti zitangira amazina yabo zikurikirana.

Harabanza Senateri BIDERI John Bonds, hakurikireho Senateri MUGISHA Alexis hanyuma Senateri UWERA Pelagie.

Ndagira ngo rero muri aka kanya nsabe Senateri BIDERI John Bonds kugira ngo afate umwanya w’iminota itatu wo kwiyamamaza. Ijambo ni iryawe Nyakubahwa.

**Senateri BIDERI John Bonds**

Murakoze cyane. Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, natanze ubusabe bwanjye bwo guhagararira Inteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko Nyafurika (Pan-African Parliament) nk’uko mwabigejejweho mu ibaruwa ya Nyakubahwa Perezida wa Sena.

Nkaba nari mfashe uyu mwanya kugira ngo mbivanye ku mutima mbasabe amajwi yanyu kandi nkaba mfite icyizere yuko muri buze kuyampa.

Impamvu natanze “candidature” yanjye, mbere na mbere ni uko buri gihe mba mfite ubushake bwo gukorera Igihugu cyanjye, kandi ubwo bushake ndacyabufite kandi nimumpa aya majwi nzakomeza gukora ibyo nsabwa nk’umuntu uhagarariye Inteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda muri iyi Nteko Ishinga Amategeko Nyafurika.

Ikindi nari nsanzwe no muri iyi Nteko Ishingamategeko Nyafurika nkaba rero nsobanukiwe imikorere yayo bikaba bitazangora kugira ngo nkomereze aho nari ngejeje.

Ikindi wenda nababwira ni uko nyobora na Komisiyo muri iyi Nteko Ishinga Amategeko, Komisiyo y'Ubucuruzi, Gasutamo, abinjira n'abasohoka, ibi akenshi bimpa amahirwe nk'umuyobozi kuri urwo rwego kugira ngo turebe gahunda n'ingingo zizaganirwaho muri "ordinary session" nkabimenya hakiri kare ibyo tubona bishobora kuba byabangamira cyangwa se ingingo tubona zitari mu nyungu z'Igihugu cyacu nkaba nazitangaho n'ibitekerezo birumvikana nimungirira icyizere nzakomeza gukora izi nshingano nk'uko mbisabwa.

Nk'uko nabivuze mfite ubushake, mfite n'ubushobozi, mfite amashuri yo ku rwego rwa Kaminuza ku cyiciro cya gatatu mu Iterambere rirambye navanye muri University of Sussex. Ntekereza rero ko nzakoresha ubwo bushobozi, ubwo bumenyi kugira ngo nkomeze ntange umusanzu wanjye muri iyi Nteko Ishinga Amategeko ariko mparanire inyungu z'Igihugu cyacu muri iyi Nteko Ishinga Amategeko.

Nsoza rero nagira ngo mbasabe amajwi yanyu, rwose muyampe yose kugira ngo nkomereze aho nari ngeze kandi mpagararire inyungu z'Igihugu cyacu nk'uko nsanzwe mbikora. Ndabashimiye. Murakoze.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Soline**

Senateri MUGISHA Alexis ijambo ni iryawe uhawe iminota itatu yo kwiyamamaza.

**Senateri MUGISHA Alexis**

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena. Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri ndetse n'abakozi badufasha. Mbashimiye umwanya mumpaye kugira ngo mbabwire impamvu yatumye ntanga "candidature" kandi mbasabe n'amajwi kuri uyu mwanya.

Mu busanzwe "East Africa" ni Akarere tubarizwamo ariko by'umwihariko nanjye nagakoreyemo igihe kitari gitoya mbere yuko nza muri iyi Nteko Ishinga Amategeko ariko nakoraga muri Sosiyete Sivili ndetse no mu ruhande rwa politiki, ku buryo abafatanyabikorwa bo muri iyi "zone", muri aka Karere turimo mbafite kandi nizera ko twakorana neza kugira ngo mbashe gukora ubuvugizi ibikenewe mu Rwanda mu gukorana neza n'ibi bihugu by'abaturanyi.

Icya kabiri ni uko n'uburyo bwo gushyikirana "communication" kuri njyewe bunyoroheye kuko indimi zigeze kuri eshanu zivugwa muri iyi zone yaba ari Ikinyarwanda, Igifaransa, Icyongereza, Igiswahili n'Ikigande izo ndimi zose ndazivuga nkaba numva ko gukora "communication" muri iyo "zone" bitangora.

Ikindi cya gatatu ni uko guharanira inyungu z'Igihugu cyanjye mbisanganywe ku mutima kandi by'umwihariko muri iyi "zone" turimo nkaba naharanira kugira ngo ibyo bihugu biri mu Nteko Ishinga Amategeko bishobore kwimakaza umuco wo kwamagana icyaha cya Jenoside ndetse n'ingengabitekerezo yayo ndetse no gukurikirana abakoze ibyaha bifitanye isano na yo muri iyo "zone" ubwo buvugizi nkaba numva nabukora nshikamye.

Hanyuma n'ikijyanye n'urujya n'uruza muri ibi bihugu byacu mu buryo bw'ubuhahirane nkaba numva ari ibintu by'ingenzi nashyira imbere mu gukorera ubuvugizi Igihugu cyanjye.

Ibijyanye n'amashuri, nize "environnement", nkora "Bachelors muri "Géographie", nkora "Masters" mu bijyanye n'Ubukungu ndetse no kubyaza umusaruro ibidukikije hanyuma ubu nkaba ndi mu cyiciro cya gatatu ndi gukora PhD, ubu ndi mu bijyanye n'ubundi n'ibidukikije muri Kaminuza bita "Open University" ya Tanzaniya.

Nkaba nizeye ko rero mu gihe mwaba mungiriye icyizere, ubwitange bwo ni ukubwongera kuko n'ubundi ndabusanganywe, mbasabye amajwi rwose muyaduhundagazeho. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Soline**

Senateri UWERA Pélagie ijambo ni iryawe uhawe iminota itatu yo kwiyamamaza.

**Senateri UWERA Pélagie**

Ndabashimye Nyakubahwa Perezida wa Sena. Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, ndagira ngo mbasabe mungirire icyizere kuko ubushake bwo gukorera Igihugu no kurangwa n'indangagaciro nyarwanda ndabisanganywe kandi ndabikunda.

Nzakomeza rero guharanira ko Igihugu cyanjye gihagararirwa neza mfatanyije na bagenzi banjye nimungirira icyizere nk'uwari usanzwe mfatanya na bo mu myaka itanu yari ishize. Icyo tugenderaho ni impanuro z'Umukuru w'Igihugu cyacu uko abona Afurika ikwiriye kuba imeze mu gihe cy'ubu ndetse n'ikizaza aho igomba kwigira ikihaza, igomba kwihuza kugira ngo byorohereze abayituye. Igomba guha demokarasi abaturage bayo, igomba kandi kurangwa n'amahoro mu Gihugu ndetse no ku mugabane ariko cyane cyane ibyo byose Abanyafurika bakabishingira ku muco wa buri Gihugu.

Ba Nyakubahwa, ndabasaba ngo mungirire icyizere kuko kuba umwe mu bagize iyi Nteko twabibonyemo amahirwe menshi byatumye tubasha gukora "diplomatie parlementaire" muri 275 bayigize.

Urugero rwa hafi ni uko mu mbuga duhuriraho hari abatubaza uko bashobora kuzana abana babo kwiga hano mu Rwanda bikadutera ishema kubasubiza no kubasobanurira tukaba tubona rero tuzarushaho kubyongera dufatanyije.

Tuzakomeza gushyira imbaraga mu gutanga ibitekerezo bigaragariza Abanyafurika amahirwe ahari, ariko cyane cyane buri Gihugu kugira ngo Abenegihugu n'abatuye Afurika bareke gukomeza gushakira ubuzima mu bihugu bituma bashyira ubuzima bwabo mu kaga ahubwo, cyane cyane nk'urubyiruko babyaze amahirwe ari mu bihugu byabo.

Tuzakomeza kandi gusaba ibihugu gufungura imipaka, ibihugu bya Afurika kugira ngo ubworoherane no gutemberena birusheho kwiyongera kuko bizatuma ubukungu, imibereho myiza birushaho gutera imbere.

Nkaba ngira ngo rero mbasabe mungirire icyizere, kuntora ni ukwandika amazina yanjye UWERA Pélagie ku rupapuro rw'itora buri wese akaba ampaye ijwi rye. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Soline**

Ba Nyakubahwa nyuma y'igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida, tugiye gutora. Ndagira ngo nsabe Umunyamabanga Mukuru wa Sena ko aha Abasenateri impapuro z'itora.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gutora no kubarura amajwi)*

**Visi Perezida wa Sena, Senateri NYIRAHABIMANA Soline**

Ba Nyakubahwa nk'uko ibyavuye mu matora mubibona, biragaragaza ko Senateri BIDERI John Bonds agize amajwi 24, Senateri MUGISHA Alexis agira amajwi 2 na ho Senateri UWERA Pélagie agira amajwi 24.

Ba Nyakubahwa nk'uko ingingo ya 9 y'amabwiriza agenga amatora abiteganya Abasenateri batowe ni abarushije abandi amajwi.

Nyakubahwa Perezida wa Sena, Nyakubahwa Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri igikorwa cy'amatora twari dufite hano kirarangiye cyo gutora Abasenateri babiri bahagararira Inteko Ishinga Amategeko muri PAP turagishoje nkagira ngo nshimire buri wese wagizemo uruhare. Ndagira ngo nsabe ba Nyakubahwa Basenateri twafatanyije basubire mu mwanya wabo.

Hanyuma Nyakubahwa Perezida wa Sena nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga amatora aya matora, mwatangariza abari hano ibyavuye mu matora y'abazaduhagararira mu Nteko Ishinga Amategeko muri PAP. Murakoze ndabashimiye.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Visi Perezida ku murimo mwiza wo kuyobora aya matora mumaze gukora.

Ba Nyakubahwa nyuma y'igikorwa cyo gutora, ndagira ngo mbatangarize Abasenateri babiri batorewe guhagararira Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko Nyafurika.

Abo ni aba bakurikira:

- hari Senateri BIDERI John Bonds;
- na Senateri UWERA Pélagie

Murakoze.

Ba Nyakubahwa, nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga imikorere ya Sena mu ngingo ya 66, iyo inama yatoye ikoresheje gucisha mu majwi mu ibanga irangije imirimo yayo, impapuro zatoreweho zicagagurirwa imbere y'Inteko Rusange. Nkaba nagira ngo nsabe ko iki gikorwa cyakorwa imbere y'Inteko Rusange.

*(hakurikiyeho igikorwa cyo gucagagura impapuro zatoreweho)*

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, ingingo yari kuri gahunda y'inama y'Inteko Rusange yo muri iki gitondo tumaze kuyisuzuma, nkaba nongeye kubashimira.

Inama y'Inteko Rusange itaha, ni inama ihuriweho n'Imitwe yombi, ikaba iteganyijwe uyu munsi tariki ya 22 Ukwakira 2024 i saa cyenda z'amanywa.

Ku murongo w'ibyigwa hateganyijwe kugezwaho raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi by'umwaka wa 2023-2024 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2024-2025.

Inama y'Inteko Rusange yo muri iki gitondo ikaba irangiriye aha. Ndabashimiye ubwo ni aha saa cyenda.

Inteko Rusange yashoje imirimo yayo i saa tatu n'iminota mirongo itatu n'ibiri (09h32).

**MIGAMBI Joseph**
Umwanditsi

**Dr. UMULISA Yvonne**
Umunyamabanga Mukuru wa Sena

**Dr. KALINDA François Xavier**
Perezida wa Sena